


MIJEUCOOP KIGALI



NTIHEMUKA Félix-Autriche

MLJEUCOOP

B.P. 1044 KIGALI

10.12.1987

I N Y E N Y E R I

NTIHEMUKA Félix-Autriche

Umunyeshuri muri

KAMINUZA i BUTARE

Ku Babyeyi,
Abavandimwe,
Abaturanyi,
Inshuti,

bankunda bakanyunganira iteka muri byose;
ku Banyarwanda n'abanyamahanga;
turambe twese muri MUVOMA (M.R.N.D.)

I. UMUSOGONGERO

Si ubwa mbere mva mu ihugurwa ngo ngire igitekerezo cyo kuba nageza ku Banyarwanda n'Abanyarwandakazi icyo naba ndivanyemo.

Mu itangira ry'umwaka wa 1987 ubwo navaga mu ihugurwa muri za Banki z'Abaturage nanditse udutabo tubiri tw'urubyiruko : URUMURI na KAZUBA.

Utwe dutabo dukubiyemo ibitekerezo byafasha urubyiruko ruri mu mashuri kumva ko rufite kugira uruhare runini mu majyambere y'u Rwanda, igihe rukiri muri ayo mashuri.

Ubu mvuye na bwo mu ihugurwa muri Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative; iyo Ministeri ishinzwe ahanini urubyiruko rutize cyangwa rutashoboye gukomeza amashuri.

Iryo hugurwa na ryo rinsigiye aka gatabo : INYENYERI.

Gakubiyemo ibitekerezo byakwibutsa Umunyarwanda n'Umunyarwandakazi ujijutse ko ahanzwe amaso n'urubyiruko ndetse n'abakuru baba bacyugarijwe n'icyago cy'ubujiji. Ibyo bitekerezo byanatuma anagira umutima wo guhaguruka adatinze akaba yatanga UMUGANDA wo kurwanya icyo cyago kidindiza kandi gifite kuzahora kidindiza u Rwanda mu nzego nyinshi, kiramutse kitabonewe umuti.

Ari aka gatabo ari na turiya tundi tubiri, twese dukubiyemo ibitekerezo ngira ku bibazo bimwe na bimwe Igihugu cyacu gifite. Uwabishaka wese twafatanyaga kubigorora, kuko mbitanga ntekereze kandi nifuza ko byagirira akamaro urubyiruko ndetse bikanateza u Rwanda imbere.

Twese dutinyutse kujya dutanga ibitekerezo byacu ku bibazo by'Igihugu, tukababwiraho impaka twabibayaza ibintu by'ingirakamaro.

Si leta gusa irebwa n'ibibazo by'u Rwanda; buri wese ku giti cyo, cyane cyane ujijutse biramureba; kandi yagombye kutiyibagiza ko agomba kugira uruhare ruto cyangwa runini mu kubisobanura.

U Rwanda ni twese, ibibazo rufite ni ibibazo dusangiye ari umukire ari umukene, ari umuto ari umukuru, ari umugore ari umugabo, ari umukecuru ari umusaza, buri wese yarushaho kwishima ibyo bibazo bibonewe umuti. Ni yo mpamvu buri wese yari akwiye gutanga icyo afite, UMUGANDA yumva yaha Igihugu ntatindiganye kuwugaragaza.

Igihe gitakaye ngo ntikigaruka. Nta we ukwiye kwicara ngo yinumire, ategereze kuzicuza, abonye ibibazo yarafite gusobanura nta garuriro bigifite.

Nta kibazo kitagira igisubizo, kandi si kenshi ibibazo byisobanura. Twese dukwiye kuba maso, tukabona ibiriho; tugatega amatwi, tukumva ibivugwa; tugashakira hamwe ibyabaho bishya byatuma tuva mu mwijima tukajya ahabona.

II. IBIRIHO BIRAVUGWA

Urubwiruko rw'ubu ruregwa "guta umuco" bikaba bikubiyemo byinshi : kutumvira abakuru, kutabubaha, kutabaha icyubahiro bakwiye; kwiyandarika, kuba indakoreka; kwirukira ibyo mu mahanga biyangisha iby'iwabo, kutitabira imirimo y'amaboko, kudashyigikira imikino gakondo n'ibindi.

Mu magambo make urubwiruko rw'ubu ntirushyigikiye rushikanye ibyiza dukeshya abakurambere n'ibyiza dukeshya abarebera Igihugu muri iki gihe. Ibi byose bikaba byaba intandaro yo kudashyigikira n'ibyiza byazava kuri ibyo byiza bya kera n'iby'ubu. Umuco kandi ni wo shingiro ry'amajyambere. Niba rero urubwiruko rutawubumbatiye, rutavakiriza amaboko yombi, ntirushyigikiye amajyambere yazarufasha kubaho no kumererwa neza mu minsi iri imbere. Urwo rubwiruko se rwazageza ku k' u Rwanda rw'ejo ? Ni iki rwiteganyiriza mu bihe bizaza ? Ko ibyiza bizaza bitegurwa hakiri kare kandi bigashyingira ku byiza byahozeho n'ibiriho !

Ababyeyi b'ubu baregwa kudohoka ku murimo wabo w'uburezi; ibi bikaba bifitanye isano n'imyifatire y'urubwiruko rw'ubu. Ibyo ababyeyi batoza abana babo, urugero babaha, imbuto babafasha kubiba ni zo bazasarura.

Uteganya kuzasarura byinshi kandi byiza, arabivumikira; arwanya isuri ndetse akanafumbira. Gusarura ibyo umuntu atahinze ntibihira benshi; si na kenshi bishoboka.

Ibibazo by'igihugu iyo bibaye urudaca, abagituye bese bapfana Leta; ariko Leta ni twese; ubwo ibibazo iyo byabaye insobe twitana bamwana; tukiyibagiza ko buri wese ku giti cye, abifitemo uruhare. Abashyize hamwe ngo Imana irabasanga !

N'ubwo iyo Mana itagarara, nta wahakana ko abashyize hamwe, bashishikaye, batabeshyana, bagambiriye ibyiza, bagera kuri byinshi.

Iyo bashyikirana, batishishana, bungurana inama, igitekerezo cy'umwe cyunganira icy'undi, bumva neza ibyo bagamije, ntihabura agashashi gataruka, kakabonesha byibuze buhoro ahari umwijima.

Ibiriho biravugwa, bimwe bigatangazwa mu ruhame, ibindi bigatangazwa bucece. Umukurambere wacu Musenyeri BIGIRUMWAMI Aloyizi yifuje ko Umunyarwanda yaba umuntu nya muntu, ubwo yagiraga ati : "Umuntu baribwira, barabwirwa, batereriyo".

Uwo mukurambere yifuje ko buri wese ku giti cye yakwisuzuma akirinda kuba BATERERIYO, ureba ntabone, yabwirwa ntiyimve; akaba yaba byibuze BARABWIRWA, utabona neza, ntiyumve neza, gusa agakizwa no gutungirwa agatoki, yabwira akumva.

Uwo mukurambere yabwiraga nde ? Aho si abazi gusoma no kwandika ? Aho si Abanyarwanda n'Abanyarwandakazi bajijutse ?

Bo bafite kumenya bitabagoye ibyatangajwe byose, byaba ibyatangajwe bucece cyangwa mu ruhame !

Babaye se aribo baba barumvise uwo mukurambere ?

Baba se baratungiyeye agatoki rubanda nyamwinshi bacyugarijwe n'icyago ey'ubujiji ?
Baba se barabagejejeho ibitekerezo n'ibikorwa ntangarugero, byabavana mu bwigunge nabo bakajya ahabona, bagashishikarira imirimo isanzwe ibatunze, bakayibyaza umusaruro utubutse, baheraho bagerageza gukora ibindi bikorwa byabateza imbere kurushaho ?
Babaye barakoze batyo byaba yenda ari byo wa mukurambere yifuzaga. Ariko se abo bajijutse, bazi gusoma no kwandika n'ibindi bihanitse, babaye bataraharaniye byimazeyo ibikorwa nk'ibyo, bakaba ahubwo baratereye agati mu ryinyo, bakinumira, igitekerezo "Umuntu baribwira, barabwirwa, batereriyo" cyaba cyari kigamije iki ? Cyaba cyari kigenewe nde ?

II.1. Urubyiruko

Muri iki gihe mu Rwanda, ibibazo by'urubyiruko bifite umwanya w'umwihariko; si muri Radiyo, si mu manama no mu mayira gusa, ni hose; n'abana biga kuvuga, usanga bagerageza kuvuga ngo "EJO NZAMERA NTE ?". Ibyo bibazo ariko byahozeho; gusa ibibazo birarutana, iby'inzitane bigashakirwa umuti mbere y'ibindi; nk'iby'ubwigenge, amahero n'ubumwe bw'Igihugu, ... ni byo byabanje kwitabwaho.

Ibibazo byose by'igihugu bireba Leta. Mu gusobanura ibibazo by'urubyiruko cyane cyane urutarize n'urwavye mu mashuri ntacyo ruvanyeyo cyarugoboka mu buzima, Leta yarushinze "Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative".

Abanyarwanda bafite hasi y'inyaka 25 bageze hafi 70 ku 100 by'Abanyarwanda bese, ubwo ni hafi 4.900.000 uwakwibuka ko Abanyarwanda twese dukabakaba 7.000.000. Ministeri y'Urubyiruko, ishinzwe urubyiruko rubarirwa kuri 1.500.000 rufite inyaka 15 kugeza kuri 25.

Urwo rubyiruko ruri hafi ya 40 ku 100 by'Abanyarwanda bafite gukora imirimo ibyara umusaruro. Urubyiruko 100.000 rwiyongera buri mwaka ku baturage bashaka akazi; 50 ku 100 muri bo baba batazi neza, cyangwa batazi na busa gusoma no kwandika. Muri urwo rubyiruko hafi 1 ku 100 ni bo bonyine baba bafite impamyabushobozi yabahesha akazi muri Leta cyangwa se mu bigo byigenga. Ibi birababaje cyane.

Urwo rubyiruko rurebwa na Ministeri y'Urubyiruko igerageza kurwigisha, mu Bigo by'urubyiruko, no kurubumbira mu mashyirahamwe kugira ngo ibone uko yarugoboka rudatanye.

Ariko ukurikiranira hafi ibyo mu Rwanda, yabona atarushye ko iyo Ministeri yonyine atari yo izasobanura ibibaze bya ruriya rubyiruko.

Uwareba neza yabona ko n'ubwo yiyambaza abagiraneza bo mu mahanga, urubyiruko rwanga rukarengwa n'ibibazo.

Ibyo bibazo kandi bituruka ahanini ku bujiji; nka bamwe mu rubyiruko usanga birukira imigi bahunga icyaro, ngo bateze amakiriro mu kazi k'ububoyi n'ak'ubuyaya. Abandi bagahitamo kwirirwa babuyera batazi iyo bajya, aho batahukiye, imico mibi baba bararuye iyo mu mihana bakayitura ababyeyi babo; n'ibyo ibitutsi, ubugome, ubwamanzi, ubunewe n'ibindi.

Ubuji ni indwara mbi cyane. Igihe cyose urubwiruko ruzaba rutarunwa ko rugomba kwegera ababyeyi, bagashyikirana, bagashyira hamwe mu bitekerezo no mu bikorwa, ntirashobora kumvikana n'abandi badafite n'icyo bahuriyeho baza babasaba kwishyira hamwe mu bikorwa byabateza imbere.

Uzaza wese agerageza kubashyira hamwe azagira ingorane, kuko ubwumvikane, ubufatanye, ukwihanganirana bagombye kuvana mu miryango yabo, bikaba ari byo uko gushyira hamwe n'abandi byagombye gushingiraho, nta byo baba bafite mu maraso no mu mitima yabo. Ni yo mpamvu mbere ya byose hagombye kubaho ubufatanye bw'ababyeyi n'abana babo.

II.2. Ababyeyi

Ababyeyi ni bo mbere na mbere barebwa n'ibibazo by'abana babo. Ibibazo by'abana ni ibibazo by'ababyeyi babo.

Nta wakwiyibagiza ko Igihugu cyacu gifite umutungo muke, kandi ubukene bukunze kujyana n'ubuji.

Abanyarwanda barenze 90 ku 100 batanzwe n'ubuhinzi, bafite umutungo muke cyane ugereranyije no mu bindi bihugu; kandi abenshi muribo ni abatazi gusoma no kwandika.

Ubuji rero si indwara iri mu rubwiruko gusa ahubwo iri no mu bakuze.

Leta n'abagiraneza ntibakwemye kurwanya ubuji; bubaka amashuri y'urubwiruko n'Ibigo bijijura ^{abakuraza} abakuze ubutitsa, batanga inama zitari zimwe; ariko kubera amikoro yabo make icyo kibazo kiracyari ingorabahizi, kandi gikurura n'ibindi bibazo bitabarika, cyane cyane ibibazo byose bizitira inzira y'amajyambere.

Nta we uyobewe ko bikomeye gukangurira amajyambere umuntu w'injiji; kugira ngo yumve bisaba ubwitange bw'umugira inama, kuko agomba guhora amubwiramo ibyo ashaka ko yakora, ndetse akamuha n'urugero rugaragara rwamwemeza ko ibyo amubwira atari amagambo gusa; bityo agakunda agakurikira inama agirwa.

Kurwanya ubuji rero bikomeje gukorwa nk'uko bikorwa ubu, imyaka yahita indi igataha, amajyambere dukunze kuririmba ntituyagereho nk'uko tubyifuzaga; ndetse n'abajijutse bamaze kugira icyo bigezaho, bafite kudindizwa n'uko imbaga nyamwinshi idafite ubushobozi bwo kugera ku majyambere aciriritse; kubura ayo majyambere ni byo bifite kubabuza gushyigikira amajyambere n'ibyiza byose byageweho n'abo bagombye kubunganira, abo bajijutse bagombye kubabera urumuri, cyangwa se inyenyeri.

Abanyarwanda rero bajijutse bagombye kuba intangarugero, haba mu bikorwa ndetse no mu bitekerezo byafasha abakiri injiji gukanguka, bakitabira bashishikaye ibikorwa byose bigamiye kubateza imbere; bakabumvisha ko bagomba gukora igitondo n'iki-goroba, kugira ngo bagire icyo bageraho kigaragara, cyabizeza ko bashobora kubona iby'ingenzi byatuma bazagira ubuzima n'imibereho myiza.

II.3. Leta

Ibibazo by'u Rwanda byose bibazwa Leta. Ahanini ni yo igira uruhare mu kubisobanura yitabaza umutungo wayo cyangwa se inshuti z'amahanga iyo bibaye ngombwa.

Ibihugu bifite umutungo utubutse nabyo bigira ibibazo, n'ubwo bidasa n'iby'ibihugu bifite umutungo mukeya. Leta y'u Rwanda iyaba yari ifite umutungo utubutse, yakora bimwe na bimwe isaba Abanyarwanda kwikorera cyangwa se isabamo inkunga y'amahanga. Si igitangaza rero niba Leta isaba UMUGANDA buri Muturarwanda, igasaba n'inkunga mu bihugu by'inshuti cyangwa mu miryango mpuzamahanga.

Umuganda rero Leta isaba buri Munyarwanda na buri Munyarwandakazi yari akwiye kujya awutanga ashishikaye.

Ukorwamo byinshi by'ingirakamaro, umuntu wese ushyira mu gaciro kandi wumva ibibazo by'u Rwanda uko biteye, yari akwiye kwishimira no gushyigikira nta gushidikanya. Nta Munyarwanda ujijutse kandi, wakwishimira ko Leta yongera imisoro cyangwa ngo yongere inguzanyo mu mahanga kugira ngo itunganye ibikorwa bifite kugerwaho n'amaboko y'Abaturarwanda ubwabo.

Leta n'ubwo yashyizeho Ministeri y'Urubyiruko kugira ngo ikurikiranire hafi ibibazo byarwo, ntibyabuza n'abumva ibyo bibazo uko biteye, n'ubwo byaba bitabareba by'umwihariko, kuba bagira uruhare mu kunganira iyo Ministeri kurangiza ibyo Leta yayishinze.

Leta ni twese, Munyarwanda uyaha umuganda, n'ubwo yaba itawumusabye aba yikorera.

Ministeri y'Urubyiruko yashinzwe umulimo utoroshye, kwita ku rubyiruko rutize n'urutararangije amashuri yarugirira akamaro.

Iyo Ministeri yari ikwiye UMUGANDA udasanzwe.

Ministeri y'Urubyiruko igomba kurwigisha, ikarugira inama ubutitsa ikarushakira icyazarubeshaho. Yitabaje amikoro yayo ay'amakomine amwe n'abagiraneza, ubu ishyigikiye Ibigo by'urubyiruko 6%; 1% ni yo ibigenga ku giti cyayo, 20 bigengwa n'amakomini, 25 bikaba bifashwa n'abagiraneza.

Ibyo bigo byigisha cyane cyane iby'inyuga (ubwubatsi, ububaji, ubukanishi, ubudozi ...) n'iby'ubuhinzi-bworozi.

Ibyo bigo ariko biracyari bike cyane; byo na za Serayi, ubu byakira buri mwaka 10.000 by'urubyiruko; ubwo ni 10 ku 100 gusa by'abari bakeneye gutozwa iby'inyuga. Inzira rero iracyari ndende.

Abarangije mu Bigo by'urubyiruko ndetse na za Serayi, Ministeri igerageza kubabumbira mu mashyirahamwe.

Ayo mashyirahamwe akaba ari yo azabyara amakoperative, amakoperative na yo akazabyara amasosiyete mato cyangwa manini.

Ministeri y'Urubyiruko ishyigikiye cyane urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe n'ubwo rwaba rutarageze mu Bigo by'urubyiruko.

Buri mwaka igenera buri Perefegitura amafaranga 300.000 yo kuguriza amashyirahamwe yagaragaje ko akora neza.

Ishyirahamwe riyabonyeho rifite kuyakoresha mu gihe cy'inyaka itatu, rikabona kuyishyura, nta nyungu Ministeri yaka kuri iyo nguzanyo.

Aha ntitwakwibagirwa inkunga y'amafaranga 3.000.000 Umukuru w'Igihugu yageneye urubyiruko rwa buri Perefegitura rwibumbiye mu mashyirahamwe, igihe cyo gusura no gutangiza imishyamba muri 1987.

Ministeri y'Urubyiruko kandi hari ubwo iha amashyirahamwe amwe n'amwe ibikoresho by'ifatizo.

Ariko ibibazo by'amashyirahamwe ni byinshi. Abura aho akorera kubera ubutaka bugenda burushaho kuba buke; ahura n'ibibazo by'ubuyobozi n'ubucungamari; ahura n'ibibazo by'ubumbwe no kutihangana by'urubyiruko iyo bahuye n'ibikorwa; abura aho agurishiriza ibyo yagezeho, cyane cyane ibyavuye mu bukorikori, ... ibi byose bituma umusaruro wayo uba muke, bityo ntushishikaze urubyiruko mu mirimo ruba rwariyemeje gukorera hamwe. Ibyo bibazo ariko biterwa ahanini n'uko abakozi ba Ministeri y'Urubyiruko bashinzwe kurugira inama bakiri bake cyane; n'abo ifite, benshi muri bo baba badafite ubumenyi buhagije mu byo kugira inama urubyiruko. Ibi biterwa n'amikoro make y'iyi Ministeri.

Ministeri y'Urubyiruko ariko nticika intege; mu gushaka kumenya no gushyigikira ayo mashyirahamwe ikoresha buri mwaka irushanwa ry'ayo mashyirahamwe ndetse na za Serayi n'Ibigo by'Urubyiruko; ababaye aba mbere barahembwa, bakaba baterwa n'izindi nkunga. Gusa amashyirahamwe atinyuka kwiyandikisha mu irushanwa ni make, nko muri 1986 ku mashyirahamwe arenze 1.000 yabarurwaga 459 ni yo gusa yiyandikishije.

Ubwo ayo yonyine ni yo yari afite ibikorwa bigaragara yakwerekana. Ayandi asigaye ubwo aracyacumbagira cyangwa se yasenyutse nta cyo yari yageraho.

Mu gushyigikira kandi ibikorwa by'urubyiruko, Ministeri iteganya kuzajya ihora ikoresha buri mwaka Isangano ry'urubyiruko. Ni icyumweru cy'imyidagaduro n'imurika-gurisha ry'ibyagezweho n'urubyiruko.

Ministeri y'Urubyiruko iteganya byinshi; ibarura ry'ibikorwa byateza imbere urubyiruko, ryatangiyeye muri 1987, rizayifasha kurugira inama mu bikorwa byarugoboka; ubutaka butagira icyo bukorerwaho n'ibishanga, ibiteganyiriza urubyiruko; yisunze Banki y'Abaturage izafasha urubyiruko rwishyize hamwe kubona inguzanyo rukeneye.

Dushyize hamwe ibyo Ministeri yagezeho n'ibyo iteganya kugeraho, cyane cyane tukibuka ko Ibigo by'Urubyiruko na za Serayi byakira buri mwaka 10 ku 100 by'urubyiruko rwari rukeneye kwiga imyuga, kandi n'abarangiye muri ibyo bigo ntitwiyibagize ko bose batabona akazi kabaha umusaruro ugaragara, birerekana ko iyi Ministeri igikomereye.

Uwashishoza wese yabona ko atari amikoro yayo, imfashanyo n'inguzanyo by'amahanga bizasobanura ibibazo by'urubyiruko. Ahubwo yabona ko ari imbaraga zindi zizavuka mu Rwanda zizagira uruhare runini mu kubonera umuti ibyo bibazo. Izo mbaraga nta handi zizava nizidaturuka ku Banyarwanda n'Abanyarwandakazi bajijutse, bari hirya no hino mu makomini y'u Rwanda. Ni bo bazi neza ibibazo by'urubyiruko ndetse n'iby'u Rwanda rwose uko biteye, ni bo rero bafite kubisobanura.

Bazabisobanura nibiyemeza gushyigikira bashishikaye UMUGANDA w'u Rwanda. Birabasaba ubwitange n'umurava, cyane cyane birabasaba gukunda u Rwanda; ni byo byonyine bizatuma bagira igihe cyose imbaraga zo gukora batiziganye imirimo bashinzwe n'indi yose u Rwanda rwaba rubakenyemo.

III. HABAHO INYENYERI

Hari abantu bavuga mu ruhamo bakumvwa na benshi; hari amakuru n'ibitekerezo bitangwa muri Radiyo, ibinyamakuru ibitabo by'Abanyarwanda, n'ahandi; ibyo byose abagira amahirwe yo kubigira uruhare nta washidikanya ko bibungura byinshi. Gusa ni Abanyarwanda bajijutse, kandi ni bo bake; abenshi nta ruhare babifiteho kubera ubukene ndetse n'ubujiji.

Ikibabaza cyane ariko ni uko abagira amahirwe yo kugezwaho amakuru n'ibitekerezo batabizirikana kenshi.

Ayo makuru n'ibitekerezo ubanza bibageraho bahuze, cyangwa se bikabageraho bakabyumva neza ariko ntibibakore ku mutima. Bityo ijwi ryatabazaga rikarinda rirenge, rikomongana mu misozi n'amashyamba rigahura n'amajwi y'inyoni, ibisiga n'utundi dukoko, byose bikazimira; icyo bijya nta we uhazi.

Ibyabaho ni byinshi; mbere na mbere habaho kuzirikana amakuru n'ibitekerezo bitangwa; abagize amahirwe yo kubigirwaho bakabisesengura bakaba bagira icyo babibyaza kigaragara, noneho bakabigeza ku batagize amahirwe yo kumenya ibyo byatangajwe; byaba ari ibyakorwa bagafata iya mbere babishyira mu bikorwa, kugira ngo bababere urugero.

Hari abatanga amakuru n'ibitekerezo kuko babihemberwa, hari n'abandi babitanga ari uko umutima wabo ubibasabye.

Ariko, ari ntanga amakuru n'ibitekerezo kubera akazi ashinzwe ari n'ubitanga bimuvuye ku mutima, bese batahiriza ku mugozi umwe : KUBAKA U RWANDA.

Buri wese yarushaho kwishima ayo makuru n'ibitekerezo bitagiye mahere ngo bitwarwe n'umuyaga. Bityo abatanga amakuru n'ibitekerezo bagira umwete wo gushaka amakuru n'ibitekerezo byiza; ndetse ababa babagaya bakababwira icyo babagaya, bakabakosora cyangwa na bo bakikosora, kugira ngo ayo makuru n'ibitekerezo birusheho kunogera no guteza imbere buri Munyarwanda.

Abanyarwanda n'Abanyarwandakazi bese bajijutse ibi birabareba; kuko ni bo ahanini u Rwanda ruteze amaso; cyane cyane mu gusobanura ibibazo bitubuza guera imbere.

III.1. Ishyirahamwe INYENYERI

A. INYENYERI ni iki ?

INYENYERI ni Abagiraneza b'Abanyarwanda n'Abanyarwandakazi batuye muri buri Komini y'u Rwanda, bagize amahirwe yo gutsinda icyago cy'ubujiji, bakwiyemeza kwishyira hamwe bagamije kurwanya ubujiji; mbere na mbere mu rubyiruko rwe Rwanda rw'ejo, nyuma bagakomereza no ku bakuze.

Ijambo "Abagiraneza" nta bwo ari ijambo mva mahanga, ni ijambo dukesha ururimi rwacu, ni ijambo dukesha abakurambere bacu. Kuba iryo jambo riva kuri bene Kanyarwanda, birerekana ko na kera cyane mu Rwanda hataraza amadini n'imiryango by'abanyamahanga, habagaho abagiraneza b'Abanyarwanda n'Abanyarwandakazi. Abo bagiraneza se baje kujya he ? Ko kuri ubu iyo bavuze abagiraneza bisa n'aho bivuga abanyamahanga baje kugoboka u Rwanda mu nzego zitari zimwe, n'ubwo baba bunganirwa n'Abanyarwanda !

Yego abo banyamahanga akenshi baza bafite amafaranga menshi batanga cyangwa bakoresha ibikorwa bihanitse; ibyo badukoreye nta we utabibashimira. Ariko si bo u Rwanda rugomba gucungiraho.

Dutegereje ko ibibazo byacu bizasobanurwa n'abanyamahanga bazaza batugana, amaso yacu twese twese yazahera mu kirere !

Ibibazo by'u Rwanda si abandi bazabisobanura, uretse Abanyarwanda n'Abanyarwandakazi bajijutse batuye muri buri Komini y'u Rwanda.

Abo Banyarwanda ni bo babona ibyo bibazo uko bukeye uko bwije; ni bo babizi neza; ni bo bahura na byo mu nzira bagenda; ndetse iyo batashishoje neza babisitaraho; batitonze rero bikaba byinshi bifite no kuba byabakomeretsa! Bibuze igaruriro ni bo mbere na mbere bahangayikishwa n'ingaruka zabyo.

Abagiraneza b'Abanyarwanda n'Abanyarwandakazi rero bari bakwiye gukanguka, bakirinda kuba bazakomeretswa ku mutima n'ibibazo bari bafite gusobanura mbere y'igihe. Ntibakwiye gufukiranwa n'uko nta mafaranga menshi bafite yo gutanga no gufasha abatishoboye, ntibakwiye gutinya gutanga icyo bafite. Kuko ibike bafite, igihe bazaba babikoresheje neza, cyane cyane babikoresheje babivanye ku mutima, ari byo byonyine bifite gusobanura ibibazo by'u Rwanda.

Muri buri Komini y'u Rwanda ntihabuze abantu nka 20 cyangwa se 10 bumva mu mutima wabo ari abagiraneza, gusa bagacibwa intege no kubona abandi bitwa batyo, bo baba bafite amafaranga atuma bagira ibikorwa bageraho; ariko twakwibuka ko n'ubwo amafaranga akora byinshi adakora byose; si yo rero akwiye gutuma uwaba ajijutse atatanga nko ku bwenge n'ubumenyi yaba afite.

Ugira umutima utanga ntabura icyo atanga cyagirira abandi akamaro.

Abo bajijutse bo muri buri Komini bakwiyibutsa ko badakwiye gukangwa n'amafaranga, ntibatinye guha u Rwanda icyo bafite, ni bo twakwita Abagiraneza b'Abanyarwanda n'Abanyarwandakazi; ni bo bakwishyira hamwe muri Komini batuyemo bakoreramo bakaba INYENYERI z'u RWANDA.

B. Ishingwa

Abashinga ishyirahamwe INYENYERI nta bwo byabagora kuko ari abantu basanzwe bajijutse. Ingorane z'amashyirahamwe asanzwe ziterwa ahanini n'uko abashyira hamwe baba batabijijukiwemo, batazi neza icyo bagamiye, batanateguye neza ibyo bashingiraho by'ingenzi byatuma bagera ku ntego baba biyemeje. Abashinga rero INYENYERI ni abantu bajijutse baba batuye kandi bakorera muri buri Komini y'u Rwanda : abarimu, abagaronomu, abavuzi, abacuruzi, abacamanza, ababikira, abanyabukorikori, abapasitori, abahinzi, abapadiri, abashehe, aborozi, abafurere n'abandi.

Uwakwiyemeza kuba INYENYERI wese yakwigomwa amasaha nk'atatu mu cyumweru ku kiruhuko cye, nyuma y'akazi asanzwe akora. Ayo masaha atatu afite no kongerwa, byaterwa n'ubushake bw'ishyirahamwe. Ayo masaha afite kugabanywa iminsi. Ibikorwa by'INYENYERI byaba nka gatatu mu cyumweru, hafashwe isaha imwe nyuma y'akazi gasanzwe.

Uwakwiyemeza kuba INYENYERI kandi yakwigomwa amafaranga 100 buri kwezi, ku mushahara cyangwa ku mutungo we avana ku bikorwa bye; ayo mafaranga ni yo yaba umutungo shingiro w'ishyirahamwe.

Buri kwezi abagize INYENYERI bajya bahura bakungurana inama. Banahuriza hamwe ya mafaranga bakayabitsa muri banki yaba ibegereye, yabafasha gutunganya imirimo baba biyemeje.

Abashinga INYENYERI kuko bafite kuba badakora hamwe ndetse batanaturanye, baramutse babaye benshi bakwigabanyamo amatsinda. Nk'abatuye segiteri imwe bakora itsinda rimwe, n'abandi bikaba bityo. Ayo matsinda ya buri segiteri yaba agize ishyirahamwe rimwe rya Komini. Ibi byatuma umurimo baba biyemeje gukora bawukora nta mvume bibateye. Abagize INYENYERI bo muri buri segiteri bajya bita ku rubyiruko n'abakuru bahatuye. Bityo abatuye segiteri barushaho gushyikirana, bakamenyana, bagafatanya gusobanura ibibazo bafite muri ako karere kabo.

Mu minsi ya mbere abagize INYENYERI bavunika kuko umurimo baba biyemeje utoroshye n'ubwo ibyangombwa byo kuwutunganya byose baba bafite; ni bo bajya gushaka urubyiruko cyangwa abakuru ngo babajijure.

Ariko hashize iminsi mike, abatuye iyo segiteri, iyo Komini, bese bamaze kumenya imigambi bafite ko ari yo kubafasha, ibintu byahinduka; abagisha inama ni bo bajya basanga abagize INYENYERI, kugira ngo bagire ibyo babungura.

Bamaze kumenya ko ari Abagiraneza ntibatindiganya kudasanga ngo babunganire mu bibazo ibyo ari byo byose bafite guhura na byo. Babisobanura kandi kuko baba bajijutse.

C. Ishyigikirwa ry'amashyirahamwe

Amashyirahamwe cyangwa se amakoperative si mu Rwanda aba honyine. Amateka y'amashyirahamwe yerekana ko n'ibihugu byataye imbere mu majyambere bya-bikomoye ahanini mu kwishyira hamwe kw'ababituye.

Abahanga mu by'ubukungu n'amajyambere by'Ibihugu bitaratera imbere mu majyambere, na bo bemeza ko amashyirahamwe muri ibyo bihugu ari yo nzira ishobora kuzabifasha kujya mbere.

Mu Rwanda rero ntidukwiye kwirengagiza ukuri tukureba, kuko twaba tuniyibagije ibyiza by'abakurambere bacu.

Nta we uyobewe ko bafatanyaga byose, guhinga, guhiga, kubaka amazu, ... bafatanyaga imirimo yose ikomeye.

Gushyira hamwe mu Bihugu bitaratera imbere mu majyambere ni ingenzi, kuko ababituye ahanini baba batajijutse ndetse bafite n'umutungo muto.

Iyo bashoboye rero kwishyira hamwe, bungurana ibitekerezo, abajijutse bakaba bajijura abandi; n'abandi baza babungura inama bagasanga ari abantu bashyize hamwe, kubunganira byarushaho koroha kuko baba badatanye.

Mu Rwanda rero nta gikwiye kutubuza gushyigikira amashyirahamwe; kuko mbere na mbere byaba ari ukugarukira umuco twarazwe n'abakurambere, ubundi bikaba gukuri-kiza inama z'abadutanze kugera ku majyambere ndetse n'abahanga mu by'amajyambere y'Ibihugu bigikennye.

Leta n'abagiraneza b'abanyamahanga bafashe iya mbere bashyigikira amashyirahamwe, ibyo bagezeho Umunyarwanda wese ujijutse arabibona; ubu hasigaye aho Abagiraneza b'Abanyarwanda n'Abanyarwandakazi.

1. Kurwanya ubujiji mu mashyirahamwe

Ubujiye twabonye ko ari bwo ntandaro y'ibibazo byinshi dufite mu Rwanda. Ni bwo ahanini budindiza amajyambere y'Igihugu. Abagize INYENYERI barangiza umurimo baba biyemeje bitabagoye, igihe abo bafasha baba bibumbiye mu mashyirahamwe.

Kugira ngo amajyambere y'Igihugu agire ishingiro nyaryo, umubare w'abajijutse ugomba kwiyongera. Twakwibuka ko abazi gusoma no kwandika bakiri bake cyane; urubyiruko rwigishwa na Serayi n'Ibigo by'urubyiruko ni 10 ku 100 by'abari babikeneye; ku banyeshuri barangije amashuri abanza 10 ku 100 ni bo gusa bashobora kwakirwa mu mashuri yisumbuye; iryo 10 ku 100 rero rya buri gihe rerekana ko kugeza ubu imbaraga zakoreshejwe mu kurwanya ubujiji zikiri nkeya cyane, kuko kuzava ku 10 ku 100 kuzagera byibuze kuri 20 ku 100 (50 ku 100 byo byaba kurota), bisaba ko imbaraga zari zisanzwe zakwikuba inshuro 2 zose. Ubwo byasaba ko amafaranga Leta n'abagiraneza bagemera buri mwaka ibikorwa byo kurwanya ubujiji, umubare w'abakora ibyo bikorwa ndetse n'ibibafasha muri uwo murimo (amashuri, ibikoresho byayo, ubutaka bwo kubakeho n'ubwo abanyeshuri bahingaho) byose byakwikuba inshuro ebyiri.

Ibi ntibishoboka; kuko umusaruro w'Igihugu mu nzego zibyara umusaruro ukiri muke cyane n'ibihingwa ngengabukungu ducungiraho dushaka amadovize ari bike, kandi ibicio byabyo bikaba bikunze kugwa kenshi ku masoko mpuzamahanga. Ikibazo rero kirakomeye; nta handi igisubizo cyashakirwa hatari mu Rwanda, nta bandi bagisobanura batari INYENYERI.

Umurimo wo kurwanya ubujiji watangirira mu kumvisha urubwiruko n'abakuru akamaro ko kwibumbira mu mashyirahamwe nyayo azwi n'Abategetsu ba Komini. Ibi byabafasha kumenya neza abo bashaka gufasha abo ari bo; ibyo bakeneye gufashwamo ibyo ari byo; bityo bashobora guteganya neza ibyangombwa byo kurwanya ubujiji. Abakwemera iyo nama ya mbere baba bagiriwe, abagize INYENYERI bahita batangira kubunganira; abandi baba bakijijinganya babareberaho, kuko ibikorwa byabo byahita bigaragara; na bo mu minsi mike ntibatindiganya kwegera INYENYERI.

Kurwanya ubujiji bifite kuvuga byinshi, kuko bitoroshye guhanya aho ubujiji butangirira n'aho burangirira; gusa umuntu yacishiriza akareba iby'ingenzi byatuma ibibazo bimwe na bimwe by'u Rwanda bisobanuka buhoro buhoro. Byaba nko gukangurira rubanda nyamwinshi ibyo gusoma no kwandika; kongera ibyasomwa cyane cyane ibivuga u Rwanda n'Abanyarwanda; kumenya ibihugu duhana imbibi. Ibyo byose byatuma ubujiji bugabanuka kurushaho, abagize INYENYERI bakaba bagira inama urubwiruko ndetse n'abakuru, bagahita bumva icyo bababwiye, ntibajijinganye gushyira mu bikorwa ibyo ari byo byose babona byabagirira akamaro.

a) Gusoma no kwandika

Kwigisha gusoma no kwandika byarahagurukiwe cyane mu Rwanda. Hari ibigo bihugura abaturage ubutitsa, hari amadini, n'imiryango ikomoka kuri ayo madini, hari amakomini; ibyo byose bishishikariye umurimo wo kwigisha no gusoma muri rubanda nyamwinshi, batashoboye kujya kubyiga mu mashuri abanza.

Abagize INYENYERI si bo bajya gusimbura abasanzwe bariyemeje kwigisha gusoma no kwandika, gusa bagira inama abatarabyitabira, bakegera abo babyigisha. Izo nama n'ubwo bazigiriwe kuva kera, kugeza ubu ntibirumvikana neza; ni yo mpamvu na bwo bashyiraho akabo, bakagerageza kubumvisha ko bashoboye kujya bisomera ibitabo n'ibinyamakuru barushaho kumva inama zigamije amajyambere n'imibereho myiza y'abaturage; bityo bakaba bashobora kwirwanaho kurushaho mu buzima, ndetse bagatera intambwe igaragara mu majyambere bidafashe imyaka n'imyaka.

b) Kongera ibisomwa

Twigeze kuvuga ibyerekeye amafaranga 100 buri wese ugize INYENYERI yajya ahuriza hamwe n'abandi, buri kwezi buri kwezi. Kuri ayo mafaranga havaho ayajya agurwa ibitabo n'ibinyamakuru.

Babanziriza ku bivuga u Rwanda. Ni ngombwa kubanza kumenya neza Igihugu cyacu mbere yo kumenya ibihugu bindi. Utiyizi ntiyashobora no kumenya abandi.

Abagize INYENYERI, igikorwa mu by'ibanze bashyigikira ni ukugira inzu y'ibitabo. Ntibihagije kumenya gusoma no kwandika. Ni ngombwa ko umaze kubimenya yahora abona ibitabo n'ibinyamakuru kugira ngo yisomere, amenye neza amakuru n'ibitekerezo ababa babanditse baba bashaka kumugezaho. Bityo akaba yakwiboneramo ibyo abari basanzwe bamugira inama batamubwiraga kandi byari ingenzi; nyuma akifatira imigambi yo gukurikiza inyigisho akuyemo. Zaba zidahagije akajya kubaza abajijutse kumurusha, byibuze azi bimwe by'ibanze ashingiraho abaza ibyo yaba atasobanukiwemo. Aha twatanga nk'urugero rw'agatabo kaba kigisha ibyo guhinga kijyambere. Umuhinzi akisomeye yakabyaza byinshi; ibyo yaba atumvise neza akaba ari byo ajya kubaza nka agaronomu.

Inzu y'ibitabo ishoboye kuboneka muri buri Komini, gahoro gahoro ikaboneka muri buri segiteri icyago cy'ubujiji cyacika vuba vuba. Si abagobokwa n'INYENYERI gusa byagirira akamaro ahubwo n'abagize INYENYERI na bo byatuma babungabunga ubumenyi bari basanganywe ndetse bukanatwongera.

c) Kumenya ibihugu duhana imbibi

Ubu igihe tugezemo nta bwo ari icyo kwigunga. Tugomba gukanguka twese tukareba iby'iwacu tukareba iby'ahandi tukabitekerezaho tukagira imigambi ihanye y'ibyo twakora kugira ngo dutere imbere. Nti twahera kure twahera ku bihugu duhana imbibi, ibihugu by'abavandimwe bacu. Umubano mwiza, Abakuru b'Ibihugu byacu bahora batugaragariza kandi bashyigikira uko bukeye uko bwije, twagombye kuwubya byinshi byadufasha gushyikirana, tukagirana inama mu bibazo byacu, tugafatanyaga mu kubikemura.

Ibi byose ariko byagerwaho neza igihe dushoboye kuba twajya tubwirana amakuru. Yaba anyuze kuri za Radiyo, ibinyamakuru, ibitabo, cyangwa se duhuye tukaganira. Biradusaba rero ko mu Rwanda urubwiruko igihe rumaze kumenya Ikinyarwanda rwakwiga n'izindi ndimi z'amahanga.

Kumenya indimi z'amahanga ntibivuga ko umuntu agomba guherako asuzugura ururimi rw'iwabo, ibi byaba ndetse kwisuzugura. Indimi z'ahandi ahubwo zadufasha kujya tuvoma mu bitabo cyangwa se ibinyamakuru, ubwenge n'ubumenyi bene byo batashoboye kwiyizira hano mu Rwanda ngo batwigishe. Ibyo tuvomyemo tukareba ukuntu byatugoboka mu nzira yacu y'amajyambere.

Indimi z'amahanga rero INYENYERI zashyigikira, ntizaba zigamije kutugira abanyamahanga, ahubwo twaba Abanyarwanda nyabo, bazi gusesengura iby'amahanga tukabibiyazamo ibyatugirira akamaro ndetse byanateza Ikinyarwanda imbere.

Abagize INYENYERI rero muri cya gihe bagenera urubwiruko bareba uburyo bajya babigisha indimi z'amahanga. Bahera ku gifaransa, icyongereza n'igiswayire byo bivugwa cyane mu bihugu duturanye.

Ibyo byo kwigisha indimi byajyana no kwigisha iby'umuho n'imibereho, imari n'ubukungu, ubuhinzi n'ubworozi, inganda n'ubukorikori, imiterere y'ubutaka n'iy'ibihe, ... byo muri ibyo bihugu duhana imbibi.

Abanyarwanda dushoboye kumenya ibyo byose twarushaho gusabana n'abavandimwe bacu, bigatuma twahahirana muri byinshi.

Urugero twafata aha ni nk'Abazayirwa baje guhaha mu Rwanda; barimo abarimu bo mu mashuri yisumbuye, abanyabukorikori, abashoferi, abakanishi n'abandi. Aba Bazayirwa bararebye babona Igihugu cyacu gifite kubasha kubona icyababeshaho; bo ubwabo, ku giti cyabo, barahaguruka baza ino iwacu kwihahirakuko bari bazi ko inzira ari nyabagendwa, ko amarembo yuguruye. Kuba baraje guhaha ino, ntibibabuza kuba Abazayirwa, iyo bashatse baranyaruka bakajya gusura abo basize iwabo, nyuma bakagaruka ku mirimo yabo.

Urubyiruko se rwacu rumaze kumenya indimi n'ibindi by'ingenzi bigize Zayire rwabura icyo rwabona rwajya guhaha yo, cyarugirira akamaro ? Aha twavuze Zayire, ariko n'ibindi bihugu duhana imbibi na byo ni uko; urugero rwaba rumwe.

Urubyiruko rero rwitabiriye ibyo INYENYERI zifite kurugezaho, rugakanguka rugakora rushyizeho umwete, rugatsinda icyago cy'ubujiji n'icy'ubunebwe byarugirira akamaro cyane. Rwareba, rukumva, rukabaza rugatekereza rukabona aho ukuri guherereye; rukaba rwakurikiza nka ruriya rugero Abazayirwa baduhaye. Ingero ni nyinshi; rwabona n'ibindi tudatekereza ruramutse ruvuye mu mwijima rukajya ahabona. Nta wundi warumurikira atari abagize INYENYERI.

2. Ishyirahamwe ry'ababyeyi n'abana

Muri iki gihe bavuga ko ubwumvikane mu muryango bwagabanutse; ngo ababyeyi n'abana ntibagishyikirana bihagije. Ibi byatewe ahanini n'ibintu bishya byaje; amadini n'imiryango itari imwe y'abagiraneza byo mu mahanga, ibikorwa n'imikorere bijyana n'amajyambere twigishijwe n'abanyamahanga, n'ibindi n'ibindi. Ibi byose byaje byizeza Umunyarwanda ko azagira imibereho n'ubuzima birushije ibyo yarasanganywe; ni yo mpamvu bitatindiganyije guhindura imihango n'ibikorwa byajyaga bihuza ababyeyi n'abana babo.

Amajyambere ni meza nta wayarwanya; gusa uko yiyongeraga ni nako Abaturarwanda twiyongeraga vuba na vuba, kandi ubutaka bugumana ingano yabwo ndetse bucuyuka kurushaho kubera guhora bugondoza ariko budafatwa neza. Umusaruro wagiye uba muke, n'ubonetse wose ukagabagabanwa na benshi; bamwe ndetse ntibawugireho uruhare ruhagije. Bamwe mu rubyiruko bakekaga ko bajijutse bahise bishyiramo ko bagomba gucika iwabo, bakajya kwisunga abanyamugi n'abandi ngo ni bo bazabitaho kurusha ababyeyi babo. Birumvikana neza ko ibyo nta cyo byari kuba-gezaho.

Ibyo byaje bitanya ababyeyi n'abana rero, byatwijeje byinshi ariko biduha bike. Niba bitagishobotse ko twagaruka ku bya kera, ntibinashoboke ko ibyaje n'ibiza twabyirukana kugira ngo dusobanure ibibazo dufite; byaba ngombwa ko twasesengura twitonze ibya kera n'iby'ubu, tugashakiriza hagati yabyo, inzira nyayo yatwizeza kudacika intege ahubwo tugakomeza kujya mbere.

Mbere ya byose, niba urubyiruko rushaka kugira uruhare mu gusobanura ibibazo rufite, rugomba kwicisha bugufi, rukagarukira ababyeyi, rugacisha make, rukumva inama barugira. Ntirukwiye gutinya gufatanya na bo kubyaza umusaruro utubutse ibike cyangwa ibyinshi bafite.

Nk'agasambu gato bafite bakakarwanyaho isuri bakanagafumbira cyane; agatungo baba bafite bakakorora kijyambere n'ibindi. Bityo urubyiruko rwakwitaza ibyo gushyira hamwe, rukimenyereza cyane cyane gukunda imirimo n'ibikorwa byose byatunze abakurambere n'ababyeyi babo, kuko ari byo byonyine bagomba gushingiraho ibindi bikorwa bizaza bibateza imbere kurushaho.

Ubundi urubyiruko rwaba rwarumvise nabi igitekerezo cyo gushakashaka ibikorwa bishya byaruteza imbere ariko bikaba bitari ubuhinzi. Urubyiruko yenda rwumvise icyo gitekerezo rusa n'aho rutangira gusuzugura isuka n'indi mirimo y'amaboko. Bibaye ari byo rwaba rwaribeshye cyane; kuko ibyo bikorwa bishya n'ubwo byazaboneka, ntibizaza bisimbura ibikorwa bisanzwe, ahubwo bizaza bibivugurura, bibyunganira kugira ngo bibyare umusaruro utubutse. Uwo musaruro utubutse ukaba ari wo waba ishingiro ry'ibindi bikorwa bishya.

Urugero rwaba nk'uko urubyiruko rwashimangira, rugashyigikira ibikorwa bijyana no guhinga no korora kijyambere, umusaruro ukaba mwinshi cyane, ukaba wagurishwa mu mahanga, maze amafaranga avuyemo akaba yashorwa mu nganda ntoya zatunganya ku bundi buryo ibiva ku buhinzi n'ubworozi. Ayo mafaranga kandi afite kuba yatuma umuhinzimworozi akora cyangwa akabaho kijyambere; afite kuyagura ibyuma n'imashini cyangwa se ibikoresho bya kijyambere byamworohereza imirimo isanzwe imuvuna ndetse bigatuma yongera umusaruro we kurushaho; afite kuyakoresha yiyubakirishiriza inzu ya kijyambere irimo n'ibyangombwa bya kijyambere ...

Ibyo byose byatuma umusaruro w'umuhinzimworozi utunganywa ku bundi buryo, ukabyazwa byinshi, cyangwa ibyo byahindura imikorere n'imibereho ye, ni byo byabyara ibikorwa bishya hamwe mu rubyiruko bajya bakora. Ibyo bageraho mu bukori-kori ni bwo na byo byabona isoko, bityo bakabishishikarira.

Igihe rero umusaruro w'umuhinzi utaratubuka, ibyo byose nta wakwizera ko bizagerwaho ku bundi buryo; keretse yenda tuvumbuye peterori cyangwa ikindi kintu gishakwa cyane n'amahanga.

Ni yo mpamvu imbaraga z'urubyiruko zikenewe cyane mu buhinzi no mu bworozi; zikavugurura uburyo busanzwe bukoreshwa, kugira ngo umusaruro urusheho kuba mwiza kandi mwinshi. Ntibyoroshye ko twasimbuka tuva ku buhinzi n'ubworozi bitavuguruye ngo duhite tugera ku nganda zitanga akazi; ibi urubyiruko rwagombye kubizirikana cyane.

Iyo mivugururire nta handi izaturuka n'itava ku mbaraga zabyazwa ubufatanye bw'ababyeyi n'abana babo. N'ubundi igitekerezo cyo kujya mu mashyirahamwe ntikigeze gishaka na rimwe kuvuga ko urubyiruko rugomba kwitandukanya n'ababyeyi n'ubwo rwaba rushyigikiwe rute.

Rugomba rero kumva ko amajyambere y'Igihugu, umwuka mwiza gihumeka, bigomba gushingira mbere na mbere ku majyambere no ku mwuka mwiza biva muri buri rugo, buri muryango. Urubyiruko rero n'ubwo rwabona ikindi cyarufasha, rugomba guhora rushyize hamwe n'ababyeyi, rugahora rwishimiye kandi rushyigikiye gusangira na bo ibyiza, ibibi n'ingorane byaza bibadindiza bagafatanya kubirwanya.

Ibigo by'urubyiruko na za Serayi bigamiye kwigisha ubuhinzi n'ubwo-rozi, ubwubatsi, ububwaji, ubudozi n'ibindi. N'ubwo bitarashobora kwakira urubyiruko rwose rwari rukeneye kwigishwa iyo myuga, abagize amahirwe yo kubyigamo bagombekujya basohoka bazi neza ibyo bagiye kwiga, kugira ngo ubwo bumenyi bavanye muri ibyo bigo, babujyane iwabo, babukoreshe mu kuvugurura imikorere y'ababyeyi babo itagihuje n'igihe tugezemo.

Nyuma bagatekereza ibyo kujya mu mashyirahamwe bafite icyo bashingiraho bavanye mu bikorwa bafatanyije n'ababyeyi babo.

Ibibazo by'amashyirahamwe y'urubyiruko twigeze kubivuga; ibyo bibazo bifite gusobanuka urubyiruko rugiyeye rukora amashyirahamwe n'ababyeyi babo; byatuma buzuzanya. Urubyiruko rwazana imbaraga za gisore n'imikorere mishya, ababyeyi bazana umurava no kwihangana bisanzwe bibaranga mu mirimo y'amaboko; ibyo byose byaba ishingiro rikomeye ry'amashyirahamwe.

Urubyiruko rwumvise ko rugomba guhora rushyize hamwe n'ababyeyi rwahungukira. Ibi kandi si inkuru nshyashya, byahozeho na kera; ntibikwiye gucika. Uko imiryango yahanaga UMUGANDA bikwiye kugaruka, gusa bigakorwa mu buryo bw'amashyirahamwe.

Nk'ingo zegeranye cyangwa zidatanye cyane eshatu cyangwa enye zashinga ishyirahamwe rizwi, ryanditswe muri Komini, rigizwe n'ababyeyi n'abana (urubyiruko), bo muri izo ngo.

Bajya bakorera hamwe nka kera; none bagaha urugo rumwe UMUGANDA, ejo uwundi bityo bityo. Bakorera hamwe ariko umusaruro n'ubutaka bigakomeza kuba ibya nyirabyo; gusa mu gusarura bafite kujya kugurishiriza hamwe kugira ngo badahendwa, kandi bahite bafata igice kimwe cy'amafaranga, avuye ku musaruro wa buri wese, bagishyire hamwe babe bakibitsa nko muri banki.

Ayo mafaranga bayabyaza ibindi bikorwa, cyangwa bakajya bayikenuza bibaye ngombwa.

Abo babyeyi baba bafatanyije n'abana babo, uretse ko bajya bakorera hamwe, ntibabura guha abana babo aho bajya biharika nk'uko byahozeho; ababyeyi baba bima abana babo ibyabafasha, igihe babifite, kandi bazi ko abo bana ari abanana b'indakemwa mu mico no mu myifatire, ni bake cyane mu Rwanda; babarirwa ku ntoki. Si ngombwa ko babaha imirima, cyangwa amasambu; tuzi ko bitakibonka, ariko babashyigikiye bashakira nko korora kijyambere.

Baguza amafaranga nko kwizina rya rya shyirahamwe; ubwo babatangira ingwate; babaha aho kororera n'ibindi.

Bashoboye korora kijyambere byatuma iryo shyirahamwe ribona ifumbire yajya ijya mu mirima.

Aha ariko twakwibuka ko ifumbire itabuze mu Rwanda; hari abagerageje gukoresha ifumbire yo mu misarane, ngo umusaruro wabo ntugira ingano, ngo ni intangarugero! Urubwiruko ko rutazuyaza mu kwakira ibishyashya, kuki rutafata iya mbere rugakoresha iyo fumbire itaruhije, mu minsi mike rukaba rurengeye ubutaka bwose busanzwe budutunze twese Abanyarwanda ?

Urubwiruko rubihagurukiye nk'ukwezi kumwe bigasakara mu Rwanda hose, mu kwezi kwa kabiri n'ababyeyi babo babafasha. Igihe tugezemo nta bwo ari icyo gutsimbarara ku bisa no kwiyubaha ariko bidafite ishingiro, bidafite n'icyo bitwongerera ku buzima n'imibereho byacu; tugomba gushyira mu gaciro, tukareba aho ikuri guherereye. Kuki twajya gushaka ifumbire mu mahanga, nyamara buri wese, buri rugo ruyifitiye ? Urubwiruko kandi rumaze gutinyuka imirimo y'amaboko rumaze no kujijuka, ruzi bimwe by'ingenzi rufite kujya guhaha mu mahanga, ntacyarubwaza kunyarukirayo; rupfa kubinyuza ku Bategetsu ba Komini.

Ibi byose byagerwaho ishyirahamwe INYENYERI, riramutse ribayeho, kuko nta wundi wabigeza ku rubwiruko no ku bakuru, ngo abibacengezemo neza byumvikane kandi bishyirwe mu bikorwa.

Gusobanurira umuntu utajijutse bisaba guhozaho. Ni yo mpamvu INYENYERI zaba koko ari abagiraneza; nti baba ari abantu bagamije kunguka ku giti cyabo, cyangwa se abaharanira ibyubahiro; ni byo byatuma bakora imirimo nk'iyi yose tumaze kubona n'umurava ubwitange n'ugushaka.

Nta washidikanya ko ibikorwa byabo byatuma umusaruro w'Igihugu wiyongera, ndetse n'ibibazo by'inzitane dufite bikaba byabonerwa umuti mu nzira zitagoranye cyane. INYENYERI rero kugira ngo zitunganye uwo murimo no kugira ngo urubwiruko n'abakuru bashishikarire inama zabaha, byaba ngombwa ko leta izitera inkunga.

III.2. INYENYERI na LETA

Leta y'u Rwanda ishyigikira cyane abantu bakora ku giti cyabo, iyo ibikorwa byabo bigamije amajyambere n'imibereho myiza y'Abenegihugu. Ntiyatindiganya rero gushyigikira uko ishoboye INYENYERI.

Mu gushyigikira INYENYERI leta yashyiraho nk'amashimwe. Rimwe mu rwego rwa Perefegitura irindi mu rwego rw'Igihugu. Irya mbere ryatangwa muri buri Perefegitura, rigashyikirizwa ishyirahamwe ryarushije ayandi kurwanya ubujiji muri Komini rikoreramo.

Iryo mu rwego rw'Igihugu ryakwegukanwa n'ishyirahamwe ryagaragaza ibikorwa bihanitse mu kurwanya ubujiji, ryatoranywa muri ayo yabaye aya mbere mu rwego rwa Perefegitura.

N'ubwo abagize INYENYERI baba badakorera amashimwe iryo shyigikirwa ryaba ari ingirakamaro, kuko mu ibarura ry'ibikorwa hashakwa ishyirahamwe ryarushije ayandi, ibikorwa byose by'amashyirahamwe byashyirwa ahagaragara, abanyamakuru bakabitangaza bikamenyekana. Bityo buri shyirahamwe ryamenya icyo ayandi yarirushije rikikubita agashyirika rikavugurura imikorere yaryo kugira ngo ryegusigara inyuma.

Bityo buri mwaka amashyirahamwe y'INYENYERI yose yamenya icyo yagezeho muri rusange, ndetse akungurana inama; nyuma agafata imigambi yo kuzakora ibikorwa birushijeho mu myaka iri imbere.

Iryo shyigikirwa ry'abagize INYENYERI ryatuma ibikorwa byabo bihora bivugururwa; uko ubujiji bagenda bushira umusaruro wajya wiyongera kurushaho; Umunyarwanda n'Umunyarwandakazi bakarya bagahaga ndetse bagasagurira isoko. Kugira ngo umuhinzi-mworozi ahorane umurava wo gukora ni ngombwa ko yakwizera ko najya ku isoko azabona aho agurishiriza umusaruro we hazwi kandi kugiciro cyiza.

Kugira ngo ibiciro by'imyaka Leta ishizeho bihane, ubucuruzi bw'iyi myaka bwagombye kuvugururwa ntibukorwe na buri wese. Kuri santere imwe y'ubucuruzi haba gusa nk'abacuruzi batatu cyangwa bane (byaterwa n'ugukomera kw'iyi santere) bakwemererwa na Leta gucuruza imyaka. Abahinzi-borozi bamenyeshwa abo bacuruzi, umusaruro wabo, akaba ari bo gusa bawugurishaho kugira ngo badahendwe. Ibi ariko byasaba kwigwa neza kugira ngo ibiciro biteze umuhinzimworozi imbere binazanire inyungu umucuruzi; bityo bose bashishikarira imirimo yabo.

Umusaruro w'umuhinzi ukomeje kuba mwiza, Leta yasaba ba bacuruzi kuba bakubaka ibigega byo guhunkwamo imyaka. Yaborohereza ubwo bucuruzi ibagabanyiriza imisoro nk'uko ibikorera abashinga inganda. Byatuma imyaka ihunitswe mu bigega yitabwaho neza cyane; aho yagurishirizwa hose ikaba ikiri mizima itarononekaye, kuko umucuruzi nyirayo aba azi ko agomba kuzayibyaza inyungu. Uwo musaruro ufite no kujya kugurishwa mu mahanga, na byo Leta yabifashamo abakwiyemeza kubikora.

Abacuruzi b'Abanyarwanda bagiye bahahirana n'abo mu mahanga, ndetse bakananyarikirayo ari benshi kandi kenshi, bareba uko aho bagenzi babo bakora; bajya bavanayo ibitekerezo bishya; bafite kvanayo ibikorwa cyangwa se imikorere mishya yazamura ubucuruzi bwacu. Aha twavugaga nko gutunganya ku bundi buryo umusaruro uva ku buhinzi n'ubworozi. Bityo bashinga inganda buhoro buhoro.

Ibi byose byateza rubanda nyanwinshi imbere. Ibikorwa by'INYENYERI bikaba bitumye u Rwanda rutera indi ntambwe mu majyambere. Abagize INYENYERI bashoboye kurwanya ubujiji, urubyiruko n'abakuru bose bagahaguruka bagahinga, bakorora kijyambere umusaruro ukiyongera ukabyazwa ibindi bikorwa bishya, twese twakwishima, tugakomera amashyi INYENYERI z'u Rwanda. Abaturage n'Abaturagekazi twese twaba tuzishyigikiye kandi byaba ari mu gihe, kuko umurimo zaba zikoze waba ari umurimo w'intwari; UMUGANDA W'ABAGIRANEZA B'ABANYARWANDA N'ABANYARWANDAKAZI.

IV. UMWANZURO

Ibiriho biravugwa n'ibyabaho bikavugwa ariko ibyabayeho kera ni byo shingiro ry'ibiriho n'ibizabaho.

Hari abakurambere benshi badusigiye umurage tugomba guhora dushyigikiye, tugomba guhora twakiriza amaboko yombi. Ibyo badusigiye n'ubwo byaba bitakijyanye n'igihe ntitwabisuzugura, cyangwa ngo tubyamagane nta shingiro dufite, tutazi neza icyo tihinenga.

Tugomba rero kubanza kubisesengura, tukareba ko nta mabanga abo bakurambere baba baraduhishiyemo.

Hari abakurambere tukibuka neza ibyo badusigiye, benshi muri bo babaye inyangamugayo, bakoreraga u Rwanda mu bwitange batagamije kwiteza imbere ku giti cyabo, batagamije kwirundaho ibyubahiro, ahubwo bakoraga bayoborwa n'imbaraga y'umutima uharanira ibyateza rubanda nyamwinshi imbere.

Abo bakurambere na bo tugomba guhora tubibuka.

Inyangamugayo kandi n'ubu ziriho, tugomba kuzishaka, tugomba kuzimenya tukazegera zikatugira inama, zikatubera urugero; abo, hamwe n'abakurambere bose bafite icyo bungura u Rwanda ni bo tugomba kugenderaho. Nta bwo tugomba gucibwa intege n'abantu bamwe b'inyaryenge, bafite umutima ukurura wishyira ibyo amaboko yabo afite gutuma bashyikira byose; twashimishwa gusa n'uko abo bameze batyo ari bake, n'aho ubundi intera tumaze guteramu majyambere twari kuzayigeraho biteye kabiri.

Nta bwo rero tugomba kurangazwa na bamwe badafite imbaraga y'umutima ituma bakorera u Rwanda nk'uko byari bikwiye; nta bwo tugomba guhumishwa n'ibyo bagezeho mu nzira zidashimwa; tugomba ahubwo gukanguka twese tugakora, tukareba uko twakorera u Rwanda. U Rwanda si abandi, u Rwanda ni Abahinziborozi n'abana babo bo barenze 90 ku 100 by'Abanyarwanda. Uwaba wese akeka ko hari icyo yakoreye cyangwa akorera Igihugu, ariko akaba yarabibagiwe, akaba atabahoza ku mutima yaba yibeshya cyane.

Umunyarwanda wese ujijutse, yagize amahirwe atagira ingano yo kuba yabona ibyo abakiri injiji batabona; kandi ibyo yabona, cyangwa abona ahanini abikesha abo batagize amahirwa nk'aye.

Umunyarwanda n'Umunyarwandakazi bajijutse bose bafite umwenda bagomba kwishyura Umunyarwanda n'Umunyarwandakazi bacyugarijwe n'icyago cy'ubujiji; uwaba atabyemera byaba ibye n'umutima we; ni wo wenyine ufite kubimuciramo urubanza; uwaba yarabyibagiwe, ni igihe cyo kubiyibutsa, akikubita agashyi, agatangira gukora ibyo yumva atakoze kubera kurangara cyangwa kutibutswa.

Umukurambere wacu Musenyeri BIGIRUMWAMI Aloyizi yadusigiye umurage utagira ingano; "Igitekerezo cya BARIBWIRA, BARABWIRWA na BATERERIYO". Twagombeye guhora tukizirikana niba dushaka kuba abantu buzuye.

Si ngombwa ko hahimbahimbwa ibindi bintu twagenderaho, nyamara n'ibyo abakurambere bacu, bo babonaga kuturusha basize baduhishuriye, tubyirengagiza.

Buri wese ushaka kugira umutima wo gukorera u Rwanda agomba kwirinda kuba yakwitwa BATERERIYO, ureba ntabone, yabona akijijisha akirebesha imirari, akaba yavugaga mu ruhame ko bwije nyamara izuba ryaka; arabwirwa ntiyumve, byaba byenda kwinjira mu matwi, akayapfuka, akavuniramo ibiti; nta nama agirwa ngo ayemere, yigira ikigirwamana; ibyo atekereza n'ibyo yibwira yumva ko ari byo byonyine biri byo; yumva ko isi ari ibyo yirondamo ihagarariraho; ntiyibuke ko abantu ari magirirane, ko bagomba kuzuzanya kugira ngo bubake igihugu cyabo n'isi. Ibyo abonye byose abyita ibye, yanamaganwa akanangira, ati : "nzaterera agati mu ryinyo, mbe uko nibona n'uko niyumva; abambona n'ibyo bambwira bararushywa n'ubusa si mbabona si nabumva, kuko isi ihagararira ku byo nemera n'ibyo nibwira gusa, kabone n'ubwo naba nishuka".

Uwo BATERERIYO si rwo rugero, si we ugomba kuturangaza, si we ugomba kutuyobya.

BARABWIRWA ni Umunyarwanda, Umunyarwandakazi wicisha bugufi, uzi ko adafite kandi atazi byose, ntiyibagirwa ko abantu ari magirirane.

Yego ntabona neza, nta n'ubwo yumva neza ariko apfa gutungirwa agatoki, apfa kugirwa inama, ibindi byose akabyigereraho, yerekwira bike ibindi akabyibonera, akabyibwira agafata imigamba yubaka ita gira uwo isenyera.

Kumenya ko akeneye abandi biramufasha; ntiyironda ngo yigire nyamwigendaho, ahubwo ahora ashishikazwa no gusabana n'abandi bakungurana ibitekerezo, ibyo bagezeho by'ingenzi ntatindiganye kubishyira mu bikorwa; bityo agahora ashakisha, agashakashaka inzira iboneye yamuteza imbere ku mubiri no ku mutima.

Abanyarwanda twese twari dukwiye byibuze kubarizwa muri urwo rwego, kuko dukeneye kwibumbira hamwe, ibike dufite tukabicinga neza tukagerageza kubibyaza byinshi; ufite icyo yakungura undi, akakimugezaho, bityo tukaba twasangira umusaruro uva ku MAHORO UBUMWE n'AMAJYAMBERE, twese dukesha abakurambere n'abarebera u Rwanda, muri iki gihe, bose b'inyangamugayo.

Urundi rwego twese twagombye guharanira n'ubwo rwaba ruruhije ni urwo kwitwa BARIBWIRA.

Wa mukurembere avuga ko ari : "... umwana wicara hamwe agatuza, akareba abantu n'ibintu n'ahantu, akabyitegereza; akumva ibivugwa akabyibwira, agashaka impamvu yabyo".

Uwo muntu BARIBWIRA agira amahirwe; bisa n'aho abona atarushye, akumva atarushye, kuko yibonera akanyumvira. Ubanza amenya ukuri aho guherereye atarushye; agashishikazwa no gushaka inzira yamufasha guhora akunda ibyiza no kubikundisha abandi, ikanamugoboka mu kwirengagiza ibibi n'ibitagira umumaro no kubirinda abandi.

Ibi byaba ari byo bituma ahorana umutima utuje ufite imbaraga ituma aha agaciro gakwiye abantu, ibintu n'ahantu.

Umuntu yaba ari nk'indirimo igizwe n'amajwi abiri : ijwi rimwe rikaba umubiri irindi rikaba umutima. Indirimbo kugira ngo ibe nziza, amajwi ayigize agomba kugira injyana n'umuvuduko bimwe.

Umuntu na we kugira ngo yuzure, kugira ngo abe mwiza, umubiri n'umutima bye bigomba kugira injyana n'umuvuduko bimwe.

Ijwi-mubiri ribwira umuntu ko ibyo abona, yumva, yinukiriza, arigata, akoraho akumva abikunze, agomba gukora uko ashoboye kugira ngo abigire, cyangwa abibone kenshi. Ijwi-mutima ryo rimusaba gushishoza, agasesengura ibyo bimukurura; rigashaka ko yagira gusa ibituma asabana n'abandi bakuzuzanya, akagira amahoro na bo akayabaha, akabakunda na we bakamukunda.

Umuntu rero kugira ngo abe umuntu, ubanza agomba kumva ayo majwi yombi rimwe ntiririmbe ngo irindi riceceke; kuko iricecetse ricecekana amagambo yagombaga gutuma indirimbo yuzura, ikitwa koko indirimbo. N'umuntu rero nya muntu agomba kugirwa n'umubiri n'umutima bihorana, byuzuzanya, bidasigana kugira ngo atere imbere wese wese, ye gushaka ibishimisha umubiri, cyangwa se ibishimisha umutima gusa.


Kugera ku rwego rwa BARIBWIRA ubanza koko bitoroshye, ariko twagerageza; kuko nta kuntu twamenya ko ziriya ntoya ziriho ruriya rw'ikirenga rutabayeho. Nta kuntu twagerageza kuzirenga tutagamije gusingira ruriya rwego ruhanitse.

Guhora dushakisha inzira yatuma turugeraho ubanza byatuma duhorana umurava wo gutsinda ibyo ari byo byose byatubuza kurenga byibuze ruriya rwego rudakwiye kwifuzwa; ruriya rwa BATERERIYO.

Tugomba rero guhatana, abumva uko kiriya gitekerezo cyatuboboka mu nzira yo kunganirana, inzira yatuma dukorera u Rwanda uko bikwiye, twese tugahaguruka tuka ishyingikira. Buri wese ku giti cye, igihe cyagera, akazasiga u Rwanda yishimiye ko yakoze uko ashoboye kugira ngo aruteze imbere.

Mbere ya byose rero tugomba kwirinda kuba twabarizwa mu rwego rwa BATERERIYO; twese twamara kururenga tugasigira urwa BARABWIRWA; tugeze kuri urwo rwego rwa kabiri byaba ngombwa ko twizera kutazasubira inyuma. Uko bukeye uko bwije twakwisuzuma; tukibaza niba ibyo tugomba gukora ari byo dukora koko; tukibaza niba ibyo twaragijwe tubikoresha uko twabisezeranye; tukibaza niba ibyacu, ibike cyangwa ibyinshi by'umubiri n'iby'umutima, dukora iteka dushaka ko bitera imbere kugira ngo biduteze imbere, binateze imbere abandi.

Ni ngombwa rero ko twaharanira gutera imbere mu nzira nziza; inzira iboneye; inzira ishimwa n'umuhisi n'umugenzi, uzi gushyira mu gaciro utirengagiza ukuri akureba : ni bwo yenda twakwizera kuzagera kuri ruriya rwego rw'ikirenga rwa BARIBWIRA.



IBIRIMO

Urubapuro

I. UMUSOGONGERO	3
II. IBIRIHO BIRAVUGWA	4
II.1. Urubyiruko	5
II.2. Ababyeyi	6
II.3. Leta	7
III. HABAHO INYENYERI	9
III.1. Ishyirahamwe INYENYERI	10
A. Ni iki ?	10
B. Ishingwa	11
C. Ishyigikirwa ry'amashyirahamwe	12
1. Kurwanya ubujiji mu mashyirahamwe	12
2. Ishyirahamwe ry'ababyeyi n'abana	15
III.2. INYENYERI na Leta	18
IV. UMWAZURO	19

IBITABO NIFASHISHIJE

A. IBITABO BYO MU RWANDA

1. BIGIRUMWAMI Aloyizi (Musenyeri)
JYE JYE JYEWE, UMUNTU BARIBWIRA BARABWIRWA BATERERIYO
2. PREZIDANSI YA M.R.N.D.
MANIFESTE NA STATI
3. PREZIDANSI YA M.R.N.D.
AMATWARA Y'U RWANDA MU BY'UBUREZI UMUCO N'UBUSHAKASHATSI
4. MANIRAGABA BALIBUTSA
UMUCO MWIZA MU BANTU N'ISHINGIRO RY'AMAJYAMBIRE NYAYO
5. MIJEUCOOP
LA JEUNESSE RWANDAISE ET SES PERSPECTIVES DE DEVELOPPEMENT

B. IBITABO BYO MU MAHANGA

1. T. LOBSANG RAMPA (LAMA TIBETAIN)
Hafi y'ibitabo bye byose
2. EIJI YOSHIKAWA
LA PIERRE ET LE SABRE
3. IBITABO N'IBINYAMAKURU BYA KARATE